In partnership with

# Gera ku nzozi zawe!

## Itangazo

**Waba uri URUBYIRUKO? Waba uri IGITSINA GORE,** ufite hagati y'imyaka 18 kugeza kuri 35, ukaba wararangije icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye (s3)?
**Waba uri URUBYIRUKO? Waba uri IGITSINA GABO,** ufite hagati y'imyaka 18 kugeza kuri 35, ukaba wararangije amashuri yisumbuye (s6)?
Waba uri **impunzi, cyangwa ufite ubumuga** uri mu kigero cy'imyaka, n'icyiciro cy'amashuri byavuzwe haruguru?

**Ukaba ufite inzozi zo kwikorera?**

## Aya mahirwe ntagucike!

Umushinga "**KoraLink**" ushyirwa mu bikorwa mu bufatanye hagati ya Mastercard Foundation, The Commons Project (TCP) Foundation, TCP Africa, SFH Rwanda na ICT Chamber, imiryango idaharanira inyungu, igamije guteza imbere ubuzima bw'abaturarwanda, ifatanyije n'**Akarere** ka **Gasabo**, mu **mirenge** ikurikira: **Bumbogo, Rutunga, Ndera, Kimironko, Jabana, and, Kinyinya** wakuzaniye amahirwe agufasha kugera ku nzozi zawe.



## Wakwibaza ngo ayo mahirwe ateye ate?

Nkuko biri muri gahunda z'Igihugu cyacu, zikangurira urubyiruko kwihangira umurimo, uyu mushinga nawo waje kugufasha kwihangira umurimo, ukiteza imbere, ucuruza ibikoresho by'ubuzima, n'ibindi bikoresho bikunzwe aho utuye, ndetse no gucuruza serivisi, hifashishijwe ikoranabuhanga.

## Bizakorwa gute?

Urubyiruko rwavuzwe haruguru batuye muri iyi mirenge, harimo n'abafite ubumuga n'impunzi, bujuje ibisabwa byavuzwe, mukimara kubona iri tangazo, murashishikarizwa kugana ibiro by'umurenge aho musanga umukozi uzabafasha kuzuza ifishi isaba kwinjira mu mushinga. Mukazaza mwitwaje fotokopi y'irangamuntu, indangamanota cyangwa icyemezo cy'uko warangije s3 (ku rubyiruko rw'igitsina gore), na s6 (ku rubyiruko rw'igitsina gabo).

Ku bafite smartphone, cyangwa babasha kubona mudasobwa, si ngombwa kujya ku murenge. Mwakoresha iyi link www.koralink.org mwiyuzuriza ifishi mugakurikiza ibisabwa, mukibuka gushyira ku mugereka ibyangombwa byavuzwe muri iri tangazo.

Kwiyandikisha no kuzuza ibisabwa bizakorwa kuva taliki ya **24/09/2026 – 09/10/2026**. Nyuma yaho abujuje ibisabwa bazamenyeshwa ibindi bikurikira

Wowe wabimenye mbere, menyesha na bagenzi bawe hatagira ucikanwa n'aya mahirwe. Icyambere ni amakuru.

**Ubu butumwa bushizwe hamwe ku bufatanye n'Akarere ka Gasabo.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 23/09/2026

Uwakenera ibindi bisobanuro, yahamagara; **Tonny** kuri telefone igendanwa **0788432867 cyangwa Emmanuelie** kuri **0788829088.**

TCP THE COMMONS PROJECT
TCP AFRICA
SFH SOCIETY FOR FAMILY HEALTH RWANDA INSPIRING HEALTHIER LIVES
ICT CHAMBER Connect. Grow. Expand